KA02 1299

KANGURA

N° 13

100 FRW

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

ESE IMP[illegible] ZOSE NIZIT[illegible] TU- IKIBAZO [illegible] INTAMBARA [illegible] KIRANGIYE RIMO KIZABA [illegible] BURUNDI?

KUKI AMASHYAKA Y'IMBERE MU RWANDA ARIYO TWATINYA KURUSHA FPR IVUYE HANZE?

ISENGESHO RYA DANIYELI MWENE DATA!

Abaturage ba Cyangugu bijunditse Perefe wabo badasize Burugumesitiri wa Kamembe na Gisuma !!!

Bavure : BICAMUMPAKA DEMENT KANGURA !

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel : Rwanda : 2400 FRW
Afrique : 4400 FRW
Europe : 5000 FRW
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

KA02 1300

EDITORIAL

KA021300

KUKI AMASHYAKA Y'IMBERE MU RWANDA ARIYO TWATINYA KURUSHA FPR IVUYE HANZE?

Abanyarwanda, abari mu gihugu n'abakiri inyuma, abakirwanya b'ibyitso biturimo n'abaharanira demokarasi, twese dutegereje iriya tariki ya 29 Werurwe 1991, ngo tumenye amaherezo y'iyi ntambara inkotanyi zashoje zikajya buri gihe zidutera zitwikiriye ijoro ziturutse i Bugande.

Nyamara twasinya tutasinya, kuva ku itariki ya 14 Werurwe, igihe Jenerali Majoro HABYARIMANA ahaye imbabazi abakoshereje u Rwanda bakarutoroka, ndetse n'abafashe intwaro bakarurwanya baramutse bemeye kuzishyira hasi bakaza mu mahoro, abantu benshi batangiye kwibaza ibibazo bitari bike.

Rubanda nyamwinshi rubaye urwa nde?

Mu bukungu bwacu banki ziguriza abifite gusa, ariko bikorwa mu mayeri.

— Umushinga ngo gatutsi atize neza ntuhita mu manama aguriza.

Ariko ngo iyo ari uwo mu cyaro iyo udatanzwe n'umuturage ku giti cye cyangwa ishyirahamwe ry'abaturage na wo ntuhita. Ubwo se Abaturage bazagurizwa ryari? Ko badashoboye kwiga imishinga, kandi bakaba batazi iyo za banki ziba? Yewe, nimureke abarya birire naho Rubanda nyamwinshi ikomeze ishirire.

Rubanda nyamwinshi ngo nibage yifashe. Ntigafashwe, ntikagurizwe. Ariko se yagurizwa na nde ko inkotanyi n'ibyitso byazo ari bo bafite ububasha bw'amafaranga y'amajyambere y'abaturage b'icyaro muri uru Rwanda!

Ibibera muri uru Rwanda biratangaje pe! Ni urujijo.

Ariko impamvu si iyindi. Impamvu ni imwe. Majyambere yatwibwiriye ko amafaranga y'u Rwanda 80% afitwe n'abatutsi. Ntiyabeshye rero, kuko abo bantu aheza hahemba neza bazi kuhabona vuba, kandi igiteza imbere abahutu cyose cyane cyane ubuhinzi bworozi mu Rwanda ntigihabwe inguzanyo.

— Muri za banki ni bo bategeka.

Uzanyarukire muri banques populaires wagira ngo ni bo bazi abaturage kurusha abandi bose.

BACAR ni iyabo, BCR ni uko, BRD na yo ni uko n'ahandi n'ahandi...

Ni bo bacuruzi, ni bo bacungamari, ni bo bagoronome, ni bo baganga. Ndetse na DUHAMIC (Duharanire amajyambere y'icyaro) n'ikinyamakuru cyitiriwe abahinzi-borozi « Imbaga », hose aho ni bo bafitemo ijambo rizere rikomeye. Abahutu se muri uru Rwanda mama bagiye he? N'abo dufite b'ingirakamaro, nka NZIRORERA Ijambo *ryabo riri kubatamika imihanda rikababyaza gasegereti. Bahutu muri he mwakangutse mukamenya aho mugeze n'igihe mugezemo?*

Babangishije bashiki banyu mwiroha mu bizungerezi, none ubu barabangisha abarwanashyaka banyu musingize inyamibwa zabo.

Mwebwe se Batutsi rwose mwabuze iki muri uru Rwanda rwa Gatwa na Gahutu. Ngo Daniel araringaniza da. Ubu reka amashyaka avuke maze iringaniza ribe turebe ko abenshi mutazemera mugahinga n'ubwo ngo mwanga guhamba amaguru yanyu cyangwa none mugahinduza kagashoboka! Parmehutu irabihanganira murayisenya, Muvoma irabatetesha murayiroha, none mukomeze mwigire nyoni nyinshi ngo HABYARIMANA arabahagarariye mu mahoro n'ubumwe!!!

Amashyaka ni yo aradukiranura aho bukera. Dore ejo bundi turasinyira gushyira intwaro hasi, ariko intambara ya demokarasi yo iracyakomeza.

Mushikame rero tujye mu matora ariko ejo ntimuzabe muboroga ngo babaryamiye mubuze abadepite mwifuza mu nteko nkuru ishinga amategeko kuko ubu mwatumye mwene gahutu wari warasinziriye mu ngutiya za bya bizungerezi byanyu ubu yarakangutse, kandi azongera kugoheka ari uko yizeye ko demokarasi na Repubulika bimaze gushinga imizi itajegajezwa n'abahimba ibisigo basingiza Bwimba na Rwigema, bakaza gusambanya gahutu bambaye udukingirizo twa Kanyarengwe na Bizimungu Pasteur. Mwaba abagome mwamenya guteranya abavandimwe! Ni cyo kizabakoraho.

Gusa rero mumenye ko udukingirizo mwambaye ducika ubusa, mwatuguze twaratobotse kera, niba ari icyago mwatinyaga mwaracyanduye pe!

Abahutu bazabatsinda nta shiti mu matora, kandi ni yo mpamvu musigaye mushaka kwiyoberanya mwanga ubwoko bwanyu mujya kurega ngo babise abatutsi. Ntimuri bo se? Icyaha kirimo ni ikihe?

Mwakomeje kwikoma ababita inkotanyi cyangwa ibyitso byazo. Wenda reka ibyo tubibemerere. Ariko rero namwe noneho mucyo dushakire hamwe icyatuma mu Rwanda hagaruka ituze, kandi hatahe demokarasi itarengera bamwe ngo irenganye benshi.

Kangura yasabye abadepite ko niba bakunda abaturage babatoye, batora bidatinze itegeko rishyiraho amashyaka menshi mu Rwanda, maze ngo urebe ko hari inkotanyi izongera kurogotanira muri radiyo yo hanze ngo irashaka kugaruka mu Rwanda! Ijya he?

Mu Rwanda hagiye ho amashyaka menshi, nta nkotanyi n'imwe yatinyuka kurukandagiramo yitwa inkotanyi mba ndoga data!!

Ngo Kanyarushoke na Bizimungu Pasteur bahuriye i Kampala....! Ntabwo ari bibi. Bwarakeye twumva ko aba bagabo bombi na none ngo bari mu nama i Kinshasa bategura inyandiko izasinywa hagati ya Leta y'u Rwanda n'Inkotanyi, umugabo uzadukiza akaba Mobutu. Ibyo na byo ntabwo ari bibi. Ariko rero banyarwanda — Rubanda nyamwinshi ni wowe mbwira — Kangura yandikiye akanama gashinzwe ikusanya ry'ibitekerezo n'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere (Kangura n° 10) iyimenyesha ko FPR idakwiye icyubahiro cyo kuduhagurukiriza abategetsi ngo ni bo bagiye kuganira na yo, kandi byaremewe na Perezida wa Repubulika ubwe ko MRND atariryo shyaka rukumbi ryonyine.

Banyarwanda cyane cyane mwe Bahutu, ubushize twabazaga abatutsi tuti muri mu maki? None ubu ni mwe dukurikijeho. Rubanda nyamwinshi, wowe waharaniye ubusugire bwawe ugatsindira demokarasi na Repubulika, niba rwose ugisinziriye Kangura irakorosoye, haguruka ejo inkotanyi zitakugwa gitumo.

Uwasomye umuvugo wa Kimenyi (Le Partisan N° 0) ntiyabura gukangarana, abaturwanya baracyafite umutsi n'ivogonyo.

Muti bite se kandi?

Dore uko byifashe: kuri 29 Werurwe 1991, nituramuka dusinye amasezerano yo gushyira intwaro hasi, ubwo tuzaba

KA02 1301

KA021301

tunemeye imbere y'amategeko n'isi yose « ishyaka ry'inkotanyi n'utundi turishamikiyeho ».
Hari abanyarwanda wenda baba batumva ko kuva uwo munsi, mu Rwanda hazaba habaye ishyaka rimwe rukumbi rishya ryemewe : FPR. Mu gihe akanama gashinzwe gukusanya kazakusanya izira herezo, na Muvoma igakomeza kwivugurura ubutarangira, uretse ko tumaze kumva noneho ko MUNYAZESA yatanze raporo — Inkotanyi zo icyo gihe zizaba zikora.
Kangura ifite ikibazo kimwe, maze muzayisubize.
Abategetsi baragira bati : ntidushaka akajagari. Twifuza ko amashyaka yajyaho Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere imaze gushyiraho amategeko azagenga ayo mashyaka ndetse n'abaturage bamaze kubyemera. Nyuma se FPR y'Inkotanyi izaburikiza ayahe mategeko ko yagiye ho ayo mategeko atarashyirwaho? Ko tuzaba twayemereye imbere y'abagabo se tuzavuga ngo nisesiwe cyangwa na yo ahari turishuka ko izaza ikabanza yakwivugurura? Cyangwa ni yo (FPR) igiye kuba ishyaka rya mbere ryemewe?

Twoye gusa n'abana bakinira mu rwondo. Ibitekerezo by'akanama gakusanya ntaho bizajya biranditse, Muvoma nikomeze yivugurure, ariko nibareke amashyaka ajyeho nta yandi mananiza, atangire akore, abakusanya na bo ubwo bazaba babonye ibyo bakusanya. Nibitagenda bityo, inkotanyi zaduteje imidugararo y'intambara zizaduteza n'iya politiki maze ikibazo kibe ingorabahizi.

Twemeye gusinyana na FPR, dufungura ibyitso by'inkotanyi cyangwa ibyitso by'ibyitso byazo (ntawamenya) nta mategeko cyangwa itegeko nshinga ribyemera rihari.
Kuki amashyaka yo mu Rwanda rwagati ari yo twatinya kurusha FPR ivuye hanze?

Niko se? Abahutu n'abatutsi n'abatwa baba muri uru Rwanda twese turi ibigwari pe? Habuze n'umwe wavugira bene wabo ngo abakize ziriya nkotanyi ngo tubihariye HABYARIMANA ugenyine na Muvoma ye kandi ejo hashize yari iyacu twese?
Umutima wuzuye amaganya ntusobanura amagambo. Dore Kangura yaravuze irahogora none yasanze atari muraramo gusa ahubwo uwaturoze atarakarabye.
Birababaje kubona intambara itaratwigishije kwirengera no kurengera ubuzima bwacu n'abacu tunarengera igihugu cyacu.

LEGENDE DU DON DU POUVOIR ET DU LAIT.

En des temps très anciens, les ancêtres respectifs des Batutsi, Bahutu et Batwa, reçurent chacun des mains d'Imana (DIEU) une jarre remplie de lait.
Gatwa, l'ancêtre des fils de la pierre, s'endormit et la renversa dans son sommeil.
Gahutu, l'ancêtre des fils de la houe, la vida après son premier sommeil. Gatutsi, l'ancêtre des fils de l'herbe, au matin, fut retrouvé veillant, penché sur le lait et l'offrant à Dieu. Imana-Dieu lui dit : «règne sur ceux-ci ».
L'intention politique d'une telle légende est évidente : par décret divin le pouvoir doit revenir à la meilleure des trois castes (la caste Tutsi), et avec le pouvoir, la richesse que symbolise le lait. Tel serait donc l'Ancien Testament du pouvoir chez les peuples interlacustres. Mais ce mythe de légitimation constitue une tentative de pérennisation d'un ordre passé et dépassé, notamment depuis la révolution rwandaise qui, en 1959, mit le peuple réel aux commandes d'un Etat postcolonial et postféodal. Pourtant, depuis lors, la nostalgie des féodaux s'allie à leur esprit revanchard pour troubler en permanence la paix dans toute la région.

Dangeureuse nostalgie qui est victorieuse au Burundi, où le peuple n'a pas encore réussi à abolir l'ordre ancien à peine masqué sous la république militaire tutsi. **Victorieuse également en Ouganda depuis que le Tutsi Yoweri Museveni, fort de l'appui massif des féodaux rwandais, a conquis de haute lutte le pouvoir à Kampala.** Victorieuse aussi au Nord du Kivu où les féodaux Tutsi appliquent la stratégie de l'araignée pour conserver les avantages aristocratiques et participer à l'alliance tacite vouée à défaire par tous les moyens la seule nation normale de la région : **le Rwanda.**

L'agression du Rwanda dès le 1er octobre 1990, c'est le mythe qui s'en prend au droit ; c'est la nostalgie féodale qui s'acharne et s'arme contre la démocratie ; c'est la tentative d'insertion dans l'histoire du rêve de restauration d'une hégémonie qui nous semble inéluctablement condamnée à la régression : l'hégémonie de la minorité «Hamite » contre les masses « Bantou ».

Aux yeux des envahisseurs en effet, la révolution rwandaise qui a placé la majorité hutu au pouvoir constitue une injure à la constellation hamite qui revendique un pouvoir de droit divin sur toute l'Afrique Interlacustre.

Au niveau politique, les dirigeants rwandais n'ont pas de meilleur allié que le peuple lui-même. Ni la Belgique, ni la France, ni le Zaïre, ni les Etats-Unis ne peuvent remplacer la puissance d'un Peuple qui a déjà prouvé sa détermination à ne pas se laisser faire.

Il faudrait en plus garder en mémoire qu'on ne peut négocier au détriment du Peuple. Et après les négociations, si elles ont lieu, nous croyons qu'il serait nécessaire de pousser plus loin la démocratie et d'aller jusqu'au multipartisme tel qu'il avait été promis par le Président HABYARIMANA avant que les rebelles envahissent le Rwanda. Il n'y a aucun doute que ces opportunistes qui se croient supérieurs de nature et d'instinct ont devancé le Président de la République pour saboter ces efforts de démocratisation car ils ont peur de se mesurer à l'unique critère acceptable pour revendiquer le droit de gouverner : la légitimité issue des urnes.

A ce niveau le Rwanda a une grande longueur d'avance sur ses voisins. Pendant qu'au Burundi, le pouvoir Tutsi attend de voir ce que feront les Blancs d'Afrique du Sud lorsque les Noirs seront aux commandes, le Rwanda a déjà l'expérience de trois décennies d'un pouvoir majoritaire. Pendant que l'Ouganda masque par des velléités expansionnistes les cicatrices quasi-incurables des ravages de la longue guerre civile dont il émerge à peine, le Rwanda a l'expérience d'une stabilité exemplaire et d'une saine gestion d'un Etat moderne assez fort pour se permettre une discrimination positive de ses minorités sociales.

Sur ce plan, aucun autre Etat de la

KA02 1302

KA021302

région ne peut donner les leçons au Rwanda C'est seulement au Rwanda de Juvénal HABYARIMANA qu'est pratiquée une politique d'équilibre ethnique et régional, la minorité tutsi dépassant totalement son quota démographique dans les domaines de l'enseignement, de la justice, des transports, de l'économie etc. Mais comme dit le proverbe, «nta mpera y'umurozi». Les assaillants tutsi n'ignorent pas cette politique d'ouverture du régime de Habyarimana envers leur ethnie. Ils savent aussi que le Rwanda était presqu'au bout de ses négociations avec ses voisins pour régler pacifiquement la question des réfugiés. Ils n'ignorent pas que le régime rwandais s'ouvre au multipartisme. Mais étant minoritaires et féodaux, ces extrémistes tutsi savent aussi qu'ils n'auront jamais un soutien suffisant de la part du Peuple rwandais pour accéder au pouvoir autrement que par la violence des armes. Ils ne veulent pas du multipartisme qui les mettrait indéfiniment dans l'opposition minoritaire. Ils tentent de confisquer le pouvoir pour asseoir leur dictature féodale avant le multipartisme en gestation dans les réformes politiques prônées par l'actuel régime rwandais.

D'autre part, nous sommes convaincus qu'en s'imposant comme modèle de démocratie, le Rwanda contribuera de façon décisive à la défaite des forces terroristes de toute la région. Les Peuples voisins prendront exemple sur lui pour rejeter la tyrannie des oligarchies actuellement régnantes, car ce n'est certainement pas le seul retour des réfugiés qui apportera la paix dans la région. La paix ne viendra qu'avec l'instauration d'un ordre majoritaire dans tous les Etats de la région, afin de contenir l'usage abusif de la force des armes dans le règlement des conflits ethniques et régionaux.

INKOTANYI NI INDUSHYI.

Ibyo zitwaza ziturega ahubwo burya biri iwabo. Ntawakwemera ko Inyenzi-nkotanyi zinyereza umutungo wazo, ko zitubahiriza ikiremwamuntu, ko zisubiranamo ubwazo. Zarashavuye zibura uzihoza, none nibwo zabona ko abanyamafaranga bazihenze ubwenge. Musome namwe mwiyumvire iby'indushyi !!!

Kuri Bwana MAMBOLEO Alfred
B.P. 312 BUJUMBURA

Bwana,

Nkwandikiye iyi baruwa nsa n'uvugira bagenzi banjye benshi n'ababyeyi b'abatanze ubuzima bwabo mu Mutara (uzi ko atari bake), nkugezaho ikibazo cyacu gikwiye kwitabwaho vuba, kuko abacitse ku icumu twatsinzwe twagerageje. Ntawakwemeza ko mu minsi ya vuba tuzabona izindi ngufu ziruta izo twari dufite i Gabiro na Kabarore, ndetse n'i Kigali, mwarabyumvise.

Mbere yo kugenda ku bushake bwacu, bari batubwiye ko badushyize muri assurance UCAR, ndetse twujuje n'impapuro. Tugenda twizigiye gutsinda tukava ku ngoyi y'ubuhunzi ba sogokuru baturaze, nabo barayihejejweho na MRND PARMEHUTU. Intambara ntiyaduhiriye, ariko twaciwe intege n'urupfu rwa RWIGEMA, n'abandi batuyoboraga batagize Imana yo kurusimbuka.

Mu ngorane twagize, harimo kubura amasasu, naho abanyamahanga twari twababashije, ugira ngo ndabeshya yabaza aba zaïrois batazibagirwa igitero cyagabwe i Gabiro, Ibyo by'amasasu ntitwasobanukiwe neza, ku buryo umwe muri ba nyakwigendera yambwiye ko ari wowe wagombaga kujyana cotisations zose, ubwo rero nizeye ko zagezeyo hakaba hasigaye kumenya icyatumye batagura amasasu ngo dutsinde.

Nyuma y'aho, twamenye ko amafaranga yagombaga gutangwa muri UCAR atagezeyo, ko n'impapuro ziri muri tiroirs zanyu. Turire make ibyatukaye ni byinshi, nta magara aguranwa amagana, ariko hari icyo ngusaba kugira ngo hatavuka andi makimbirane hagati yacu igihe umwanzi aturi hejuru atuniga.

Murebe uko mwaha Impozamarira ababyeyi babuze abana babo nk'uko bigenda muri I.N.S.S., no gufasha ibimuga.

Gusobanurira neza natwe tukabimenya uko ayo mafaranga yageze kuri compte ya R.P.F. cyangwa se tukamenya ibyaguzwe (nizere ko atari robinets nk'uko bamwe babivuga, kuko icyo gihe zavamo amaraso!).

Kurushaho gusobanurira INKOTANYI (zitwana) ukuntu abana b'abakire batinya imbunda, bakirirwa muri pisine n'imbere ya vidéo igihe bagenzi babo bene impunzi zikennye bashirira ku icumu. Bavuga ko hari n'aboherejwe mu mushuri i Bugande, ariko kikaba kizira ko bazajya kurwanya umwanzi, nta n'umwe twambukanye umuvumba.

Ibi mbyanditse nsa n'ubasaba gukosora, kuko hari abantu bashavujwe n'imirambo myinshi basimbutse muri attaque no muri repli, bamwe bagakeka ko twagambaniwe. Njye sinkugereckaho ibyo bavuga byose, ariko udufashe gubohoza havcho igihu.

Murakoze!

RUGAMBA

Bimenyeshejwe :

Directeur Général wa UCAR BUJUMBURA.

Directeur Général wa I.N.S.S. BUJUMBURA.

KA02 1303

KA021303

ISENGESHO RYA DANIYELI MWENE DATA !

ISOMO RY'UMUBWIRIZA BUTUMWA

Umubwiriza yamaze gutanga ubuhamya, nibwo yashatse no guhugura abakristo be mu by'ubumenyi bw'ibinyabuzima. Nibwo yabajije umukrito umwe ati: «Igice cy'umubiri w'umuntu muzima gitegeka ibindi ni ikihe»? Umwe ati: ni ubwonko, undi ati: ni ibirenge, undi ati: ni ibiganza, undi ati: ni umutima, undi ati: ni ibihaha, bakomeza kubijyaho impaka, rubura gica. Nibwo umubwiriza ababwiye ati: «jye mbyumva neza mu gifaransa, none muntege amatwi»:
Quand le corps humain fut créé, toutes les parties voulaient être le chef.

— **Le cerveau disait :**
puisque je commande tout et que je pense pour tout le monde, je devrais être le chef.

— **Les pieds disaient :**
puisque nous transportons le corps là où il le désire et lui permettons ainsi de faire ce que veut le cerveau, nous devrions être le chef.

— **Les mains disaient :**
puisque nous faisons tout le travail et gagnons de l'argent pour entretenir tout le corps, nous devrions être le chef.
et ainsi de suite pour le cœur, les yeux, les oreilles, les poumons.

Enfin le trou du cul se fait entendre et demande à être le chef. Les autres parties du corps éclatèrent de rire à l'idée qu'un trou du cul puisse être le chef.

Le trou du cul se mit en colère, se referma sur lui-même et refusa de fonctionner. Bientôt, le cerveau devint fiévreux, les yeux se croisèrent et devinrent vitreux, les pieds trop faibles pour marcher les mains pendaient sans force et le cœur et les poumons luttaient pour survivre.

Alors tous supplièrent le cerveau de se laisser flèchir et permettra au trou du cul d'être le chef.

Ainsi fut fait...

Toutes les autres parties du corps faisaient le travail tandis que le trou du cul dirigeait tout le monde et s'occupait principalement de la merde comme tout chef digne de ce titre.

MORALITE :

Il n'est nullement nécessaire d'être un cerveau pour devenir chef : un trou du cul d'ailleurs a nettement plus de chance.

Regardez autour de vous pour être convaincu ... et si vous ne l'êtes pas, passer au Ministère de l'équilibre régional et éthnique en Education, vous y trouverez de la matière sur la nouvelle évangile.

Arangije arababwira ati : «Bakristo bene data dusenge»!

Nyirubutungane ! Wowe mpora nambaza buri munsi, umpe ubushobozi buhagije bwo gukora iringaniza mu mashuri.

Nyirubutungane ! Sinzigera nkwibagirwa, sinzibagirwa ibyiza wankoreye. Ubushobozi bwawe bwatumye mva ku gifuniko cya KANGURA N° 6, none ndigaramiye, mpagaze bwuma. Ubu nba mpekenya amamera.

Ndagusaba kumfasha benedata basigaye baradohotse, umujinya wenda kubaturitsa, basigaye bandeba ikijisho kubera ko mbarusha imigisha nkanabarusha iringaniza mu mashuri.

Nyirimpuhwe undinde abahutu bayuga ko iringaniza aribo ndikoraho gusa, sinzi icyo banshakaho. Uzi gushishoza azumva neza imigambi yanjye. Kurangara ni bibi, icyo baguhaye urarya, upfa kutagira umururumba.

Benedata benshi bafite impungenge za diplômes zabo, bahumurize basubize imitima mu gitureko, nzaba nzisinya. Naho abarimu basigaye bahaga akagwa, bagatangira kunkoronga ngo ntibagihemberwa igihe, ubumvishe ko atari njye bitarukaho, naho ibyo gutukana nanjye ndabizi, nasomye kenshi « Umpangare nguhangare »!

Mwami Yesu, ubumvishe ko nzanyarukira kwa Koloneli, kumubaza ibanga yakoreshaga, n'abatekinisiye be b'imari kugira ngo byihute.

Mana Ihoraho ! Abantu benshi basigaye bansanga mu biro nanjye bikantera isoni, umpe ubushobozi n'imbaraga zo kurangiza ava madosiye yambanye menshi. Ariko nabo ntibajye bibagirwa ko inkotanyi zaduciye intege, ubajye mu mitima, bakomeze kugira icyizere.

Nyagasani umpe ubushobozi bwo gusinda abanzi bahora bambuza amahoro bagatuma iringaniza rikorwa nabi, undinde KANGURA utangiye kunyijundika nk'aho nawe yaje kunsaba umwanya nkawumwima.

Nyirubuhasha ! Za ordinateurs zanjye uzongerere ububasha n'ubushobozi buhanitse zimenye neza gutandukanya umuhutu, umutwa cyangwa se umututsi, haba ku isura, cyangwa se ku mutima ! Ahasigaye uzirebera ejobundi uko abana b'uwa munani n'uwa karindwi ibyabo bitazahita byikora. « Erega abantu ni magirirane »!

Nyagasani ! Benedata baza ari benshi, bose bashaka amashuri. Gerageza ubumvishe ko no mu Ijuru abantu batareshya.

Nyongerera Nyagasani imbaraga zo kubakiza akarimi keza, na ka sourire kanjye utayobewe bajye bataha bafite akanyamuneza, ariko birinde kunyita « Gitimujisho » nyuma y'igaragazwa ry'amarisiti.

Mana dukunda, bwira abansanga bose basaba amashuri, ko za ordinateurs nazo zizi ubwenge, nazo ziba zizi Nyirumutwe munini, wagira ngo nazo zavukiye mu Rwanda, uretse ko nanjye ntamenya ubwoko ziturukamo. Ushidikanya uzamwohereze nawe yirebere niho azamenya ko iringaniza ritoroshye.

Mana Nyagasani, bahe ubushobozi, kandi ubapakiremo idéologie yanjye. Intego yanjye n'iyo kubaringaniza byose mu mashuri : haba imyanya, abarimu, n'amashuri. Niba mbeshya uzabahe ububasha bwo kunyomoreza muri KANGURA.

Naho ibyerekeye Muramu wanjye batangiye kwijundika bamuziza ko atangiye kumenya ubwenge bwo

KA02 1304

KA021304

kwirwanaho, ni iteto ridatuba umugani wa MUSABIMANA J. Baptiste. Bahumure namwimuriye muri étage ya gatatu, noneho bazajya bamusanga hafi.

Bagombye kumenya ko za ordinateurs nazo zaminuje, ko zidashobora gutamikwa ibihumbi biri munsi ya mirongo irindwi kubazacumbikirwa, na mirongo itanu ku mwana wicumbikira. Utabizi azabibarirwa. Nyagasani ugira ngo ndabeshya azazinyomoze.

Kristo Mwami Yesu, muri ibi bihe umpe gusubirana agatotsi, kandi umbabarire ibyaha byose naba narakoze nshaka kuziza ubusa ba bahutu, cyane cyane ba ruguru iriya bakoranye na Koloneli, ariko nkaba mbona tutavuga rumwe. Kubera ubushishozi n'ubuhanga bibaranga, bakaba barantahuye, none ubu nkaba nkorera ku bugenge. None Yesu umpe imbaraga zihagije zo kwivugurura, hato batazansimbura!

Naho ibyerekeye ya myanya 640 menyereye gutanga nyuma y'uko za ordinateurs zasohoye ibyo mba nazisabye kandi bigahabwa umugisha, si jye ubitera ahubwo ni ubwonko bw'izo ordinateurs buba butangiye kuyaga, ngahitamo kuziruhura.

Gusa Mwami Yesu, uzazimbarize icyo zipfa n'abahutu. Uwihoreye yivugiye ko mu kinyarwanda «ntawe urya inka nka nyirayo». Ikindi kandi Mwami Yesu, ubabarire kandi urinde abahinduje ubwoko bose boye gutahurwa. Uzamfashe kandi Mwami w'impuhwe nyinshi reforme yatangiye izarangire itampitanye.

Kristu Mwami, uzi ko mpora mbapfukamira buri munsi, ndabasaba kumpa ubushobozi bwo kwirinda ibishuko by'uriya mukiga twabaye ipata n'urugi bavugaho byinshi muri iki gihe, ejo nanjye ntazagubwa gitumo, abanyarwanda ubu bararakaye.

Sinarangiza isengesho ryanjye ntagusabye Mwami Yesu kuzamfasha kugira amajwi meza muri sondage ya KANGURA.

Mwami Yesu ndagusabye rwose, ndagutakambiye nkomeje undinde ukuri kwa KANGURA.

Amen.

Umukozi wa MINEPRISEC N.P.

ABAHUTU MU NKOTANYI BARAKORAMO IKI?

Uko mbitekereza!

Bwana NGEZE Hassan n'ikinyamakuru KANGURA uyobora mbagejejeho iyi nyandiko yanjye mbasuhuza kandi mbashimira ko twebwe Abanyarwanda dutuye imihanda yose mutugezaho buri gihe aho Igihugu cyacu kigeze. Ibyo mutugezaho n'umurava, birimo ubushishozi n'ukuri bitaraba, bigeraho tukabyibonera. Ingero ni nyinshi. Mwahanuye Inkotanyi, mwavumbuye ibyitso byazo mu mpande zose z'u Rwanda no hanze, mwatungiye agatoki ababishinzwe, mwatungiye agatoki ubutegetsi bumwe na bumwe butagenda neza ababishinzwe. Ibyo twizere ko mukibikora. Twebwe abasomyi banyu dusanga murengera abatuye u Rwanda. Ndabasaba rero kungereza ku basomyi banyu ibi bitekerezo bakaba bambwira (ababishaka) niba byashoboka.

Muri iki gihe Igihugu cyacu gihanganye n'intambara nyinshi z'urudaca: iyo twatejwe n'Inkotanyi, iy'ubukungu bwifashe nabi, kandi burushaho gukenderezwa na ziriya nyangarwanda, iyo gutegura politiki y'amashyaka menshi u Rwanda rushaka kugenderaho, abakunzi b'Igihugu turasanga umukuru wacyo akoresha ubwitange bwe bwose kugira ngo dusubirane umutekano n'ubusugire bw'igihugu. Nyamara inzira iracyari ndende, kuko dukomeza guterwa ubwoba n'ibyitso bikomeza bivumburwa kandi byiyongera mu bakozi ba Leta n'abasirikare batigeze bagira icyo babura Igihugu gifite, tutibagiwe n'abacuruzi benshi Igihugu cyasesekajemo imari nyinshi, aho kukizamura bakagisahura bigira i mahanga. Ababishoboye twese turamutse dufashije umukuru w'Igihugu twatsinda burundu.

Mvuze ngo ababishoboye twese, kuko mbona ko hariho abategetsi bashobora kuba batugambanira. Urugero ni nk'igitero cyo mu Ruhengeri kitigeze kibonwa n'umuntu n'umwe kurinda gisesekara mu mujyi wa Ruhengeri, kigenze ibirometero n'ibirometero. Mbese ni ba banyayisirayeri baje kubohora abantu babo muri Uganda twigeze twumva kera? Ntibisobanutse. Bamwe twabanje gutekereza ko iriya ntambara turwana yaba ishingiye ku moko, none twasobanuriwe ko iriya ntambara twashowemo n'inkotanyi harimo Abahutu n'Abatutsi, n'abandi banyamahanga nakwita Abacancuro. Byaragaragaye mu bafashwe ku rugamba n'ibyitso byabo. Urugamba ruracyakomeza rero. Bibabarije cyane aho twumva ko KANYARENGWE Alexis bita «Gahara» wahoze ari koloneri mu ngabo z'uru Rwanda, akaba yaranigeze aba Minisitiri mu gihugu cyacu, ari we usigaye aduteza inkotanyi (aziyoboye). Ntihaba habuze wenda n'abandi baba barigeze kuba abasirikare b'u Rwanda. None vuba aha twigeze kumva ko inkotanyi zajyanye Rizinde na bagenzi be! Wenda ni impuha. Ziramutse atari zo se? Abo bantu tuzi ko bari bamaze imyaka ikabakaba mu macumi mu buroko, Ruhengeri iraterwa, iratabazwa ntiyatabarwa mu maguru mashya.

Dufite ubwoba ko urugamba ruzongera rugakomera kubera ibihangange bimaze kugeramo bizi u Rwanda neza, inkotanyi zikaba zizabigenderaho, kuko bifite bene wabo benshi n'inshuti mu Rwanda. Imishyikirano yo guhagarika intambara yarabaye, ariko imera nk'iya Jemusi Bokeri yarebanaga n'Ikigobe cya Perisi (impfabusa). Twiyemeze se ko tuzatsindisha intwaro gusa (imbunda)? HABYARIMANA ni Umubyeyi w'impuhwe n'imbabazi, kandi udushakira amahoro iteka, bishobotse yaturwanaho muri uyu munyotwe turimo. Mbese ashobora gutanga imbabazi kuri bariya bigeze kugira imyanya mu butegetsi bose bakaba barimo baturwanya bakaza bagasubira mu gihugu cyababyaye, batagishenye, byashoboka akabashakira imirimo ibakwiye. Ariko ntituzamere nk'ibyo kwa Rutarindwa. Benshi dukeka ko ari bo bazana imirindi myinshi mu nkotanyi, bakanatuma ibyitso bikomeza kuboneka mu nzego zose z'abatuye u Rwanda. Abo babonetse bakavamo inkotanyi zaba zitakaje ibishyitsi, bityo nazo (izisigaye), intambara yazinanira vuba zikayireka, igihugu cyatubyaye

KA02 1305

KA021305

kikareka kuba isibaniro. Mbese umukuru wacu ntiyabikora cyangwa abo mvuga nibo batakwemera? Ibya KANYARENGWE n'abandi bahutu bo mu nkotanyi, muzaba mwumva akabo, kuko nazo zitabizera cyane. Inkotanyi zizabanyuza mu ryoya igihe zizaba zitakibakeneye twumirwe.

Ikindi nashatse kuvuga nanone, ni intambara abanyarwanda twiyemeje kwishoramo itari iy'amasasu. Ariko nayo ntiyoroshye. Ni iy'amashyaka. Politiki y'amashyaka menshi iri gutegurwa kuko asa n'aho yamaze kwemerwa (Umukuru w'Igihugu yarabivuze). Hatanzwe ingingo nyinshi zizakurikizwa n'abazifuza kuyashinga, ariko impungenge ntizibuze kuri bamwe. Mbese aho abatubikira amasasu yo kudutsemba bazabura uburyo bwabo bwo kumenyekanisha amashyaka yabo mu isura nziza itwikiriye iy'injyanamuntu?

Kugira ngo ishyaka ribe ridashingiye ku moko, ku madini, ku turere n'ibindi, bikagaragara ijana ku ijana biragoye gushoboka. Bishobora kuba bigitangira ariko nyuma bikaba akabarore. Muvoma yacu yari itubumbye twese (niba uko mbibona ari ko biboneka bose), tugize Nyagasani yahatana n'andi mashyaka ikayahirika. Ntere mu ry'uwavuze ati: «nitwicamo uduce akacu kazaba gashobotse». Ibyo birumvikana, nyamara dusubije amaso inyuma dusanga amashyaka ya mbere (MDR PARMEHUTU, UNAR, na APROSOMA) yari ashingiye ku moko uretse ko ntavuze andi yari ashingiye ku turere.

Ubwo rero bamwe turasanga ishyaka riramutse rishingiye ku moko ntacyo byaba bitwaye, kuko dusanga PARMEHUTU itari irimo abahutu gusa, UNAR na RADER ntiharimo abatutsi gusa. Amashyaka ameze atyo hajya haboneka uburyo bw'iringaniza mu nzego zose hakurikijwe amajanisha y'ubwiganze bw'amajwi nyuma y'itora. Uwagira ipfunwe ko ari mu ishyaka ridafite imyanya myinshi akarivamo akajya mu rindi n'ubwo haba atari mu bwoko bwe, dore ko ngo hazaba hari n'abatagira ishyaka babamo.

Ibi ni ibyo ntekereje jyewe, ariko ntihaba habuze uwo dusangiye KANGURA. Wowe ubitekerezaho iki?

Umusomyi wa KANGURA
N'TAKI Anthère
RWAMATAMU.

ESE IMPUNZI ZOSE NIZITAHUKA IKIBAZO CY'INTAMBARA TURIMO KIZABA KIRANGIYE BURUNDU?

Ku itariki ya 19 Gashyantare 1991 i Dar-Es-Salaam muri Tanzaniya, habereye inama y'Abakuru b'Ibihugu birebwa n'ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda, aribyo: u Rwanda, u Burundi, Tanzaniya na Kenya, bari hamwe na Minisitiri w'Intebe wa Zayire wari uhagarariye Umukuru w'icyo gihugu, ndetse n'Umunyamabanga Mukuru wa O.U.A.

Iyo nama yarangiye bemeje ko impunzi z'abanyarwanda zose zibishaka zishobora guhunguka, kugira ngo intambara twatejwe n'inyenzi-nkotanyi zitwaje ikibazo cy'impunzi irangire burundu. Nyuma y'iyo nama abantu benshi baribaza niba itahuka ry'impunzi zose rizakemura burundu ikibazo cy'intambara twakuruweho n'inyenzi-nkotanyi zishakira gutegeka u Rwanda, kujenjera mu byiza abanyarwanda bakunda u Rwanda bagezeho biyushye akuya, ndetse no koga mu kiyaga cy'amaraso ya rubanda nyamwinshi zizica zibacuza utwabo.

Muri iyi minsi usanga abakurikiranira ibintu hafi, bavuga ko impunzi zose nizigaruka mu Rwanda hazaza ingaruka mbi nyinshi cyane mu nzego zose, cyane cyane mu rwego rwa politiki, mu rw'ubukungu no mu rw'imibereho myiza y'abaturage.

Mu rwego rwa politiki.

N'ubwo impunzi zimwe zikize, kandi zikomeye mu nkotanyi zivugira ko zidashaka kuza kubana n'abandi banyarwanda muri Demokarasi na Repubulika twazaniwe na Revolisiyo yo muri 1959, ahubwo ko zifuza kuza kwimika umwami no kugarura ubuja n'ubuhake, abantu benshi basanga impunzi niziramuka zigarutse zose zitazasiga ishyanga amashyaka yazo FPR na UPR, ahubwo ko zizaba zibonye umwanya wo gucengeza muri bene wazo amatwara yayo. Abamaze gutwarwa n'ayo matwara bazihutira gushaka abayoboke benshi bakoresheje ruswa, bahanganwe no gutanga no kwakira kuva bakigeza inka zabo mu Rwanda. Iyo ruswa izatuma abanyarwanda badashimangira Demokarasi twagejejweho na Revolisiyo ya rubanda nyamwinshi yo muri 1959, maze bagwe mu mutego w'umwanzi uzihisha inyuma y'amashyaka ashaka gushyingira umwami Kigeli V no gushyigikira ibikorwa bya cyami bikobora rubanda nyamwinshi.

Impunzi kandi kuko zizagaruka zivanze n'inkotanyi 100%, ntizizareka gukotana zaka imyanya ikomeye mu butegetsi, ndetse no mu ngabo z'u Rwanda zibeshya ko zishaka kurwanirira Igihugu, kuko nabo ari abana bacyo. Maze birengagize ko ari abana gito bateye umubyeyi isuti bamusunikira mu gisimu ngo asigemo ubuzima, ku bw'Imana yazanzamuka akabasangiza n'abandi bana kandi buzuyeho ubusembwa. Umugaba w'Ingabo nareba kure nk'uko abisanganwe akabatera utwatsi ababwira ko uwateye Igihugu atashobora kugitabara nta buryarya, bazamureba umujinya utembere mu mitsi yabo, kuko umugambi wabo wo kugitegeka batema ayeze na banyirayo uzaba utangiye kubapfubana.

Ubwo bazahombeka gato bacura umugambi wo kwica amatora ngo batsinde, bacure inkumbi rubanda nyamwinshi. Amatora atanzwemo ruswa nabatetereza bazatora imbunda zikiri mu byitso by'inyenzi, batere imisozi batuvuzeho urusasu kugira ngo intego n'imigambi mibi y'inkotanyi ikunde igerweho.

Nibaramuka kandi bemeye iringaniza rikunze gukora muri Demokarasi, uretse ko biri kure

KA02 1306

KA021306

nk'ukwezi, bazajya bakora bagamije gushuka no kugushamo abategetsi. kugira ngo babananize maze abaturage n'amahanga babange, nuko ba nyoninyinshi abo bigarurire ubutegetsi maze bashyire imigambi y'inkotanyi mu bikorwa.

Mu rwego rw'ubukungu.

Mu by'ubukungu ho ibibazo bizaba byinshi, kuko impunzi zigiye kugaruka twifitiye ibibazo by'ingutu, aribyo: ubutaka butaduhagije kandi butera, kubura kw'amadovize, inzara mu turere tumwe na tumwe, kubura kw'amabuye y'agaciro, n'ikibazo cyo gusana ibyo inyenzi-nkotanyi zangije.

Nk'uko mubizi ubu, abanyarwanda turagerekeranye. Impunzi nizimara kuza tuzaba dusotse nk'ibijumba biri mu gatebo. Yego ngo hari amahanga azaha impunzi amafaranga yo kuzitunga, ariko se zizahaha hehe nta byo kurya bihagije biri mu Rwanda? Bose se bazahahirwa n'indege? Uwari usanzwe yirira byinshi iyo mu Bugande azamenyera umuceri upimye umubumbe? Abenshi ngo bazazana amafaranga yo gucuruza. Ese bose nibacuruza bazabona hehe abakiriya ko n'abacuruzi bake bari mu Rwanda usanga barira ko ari nta cyashara babona? Ubwo bazarwanira muri Banki Nkuru y'Igihugu baka za lisansi zo gutumiza ibintu mu mahanga, kandi nta madovize tukigirira n'ayo twari dufite twarayamariye aho badushorejeho intambara tugura lisansi na benzine. Bamwe nibazibura bazatangira gusebanya mu mahanga ngo mu Rwanda uwigeze kuba impunzi ntibamwemerera gutumiza ibintu mu mahanga, ngo kandi u Rwanda ari rwo rwabemereye kugaruka, none rubafashe nabi bagiye kwicwa n'inzara n'ubutindi. Ubwo bazafata amashakoshi bashogoshere iyo mu mahanga basega imbunda n'amasasu mu babafasha ubu, maze bongere bashoze intambara mu Rwanda

Mu rwego rw'imibereho y'abaturage.

Birumvikana neza ko abaturage bakunda u Rwanda nta buryarya bazamenyera kubana n'inyangarwanda bibagoye cyane, kuko burya gusangira amazi n'umuriro n'umuntu wakumajije amezi atanu ku nkeke urara udasinziriye, uvuga ngo ubwo bukeye ntibwira, biragoye. Kandi ni umutwaro uvunanye cyane. Uretse no kuba baraduteye badusahuye nyuma bakadutera bazaba bazanye indimi n'imico y'amahanga bazashaka kutwinjizamo tutayishaka, ngo dutokoze uwacu mwiza. Kubera umurururumba wabo basanganywe no gushaka kwigarurira iby'abaturage ku ngufu, bazaza bavuga ko bagomba gusubira mu byabo aho bari bafite amasambu mbere yo gutururwa bata u Rwanda, kandi ubu hari abandi bahamaze imyaka mirongo itatu. Nibababwira ko bidashoboka, bazavuga ko babimye ibyabo basize. Ubwo bazatangira bakurure umwuka mubi bavuga ngo ni hahandi habo reka bateze intambara y'amoko cyangwa se iy'uturere, maze ngo nibagira amahirwe abazungu baze kudukiza batuganye ubutaka bundi bushya, nibishoboka ndetse babasubize ubutegetsi.

Impunzi zose nizihunguka abategetsi basabwe gukanguka birushijeho, bakirinda ruswa y'amafaranga n'ikimero cy'impunzikazi, ndetse n'icya bene wazo kuko intambara itazaba irangiye, ahubwo ko ari bwo izaba igiye gukomera kuko abaturwanya bari hanze tuzaba turwanira mu gihugu rwagati. Niyo mpamvu itahuka ry'impunzi rigomba kwiganwa ubushishozi buhambaye, kandi bigakorerwa gahunda ihamye, igiweho impaka na rubanda nyamwinshi. Yego simvuze ngo ntizizagaruke, ahubwo zizahabwe imyanya izikwiye ariko Igihugu kitirengagije ko uwafashe intwaro zo kugitera yishakira kugarura ingoma ya cyami atafata intwaro zo kugitabara iyo ngoma ya cyami itaragaruka.

HATEGEKIMANA Jean Baptiste.

Kigali

MURAMENYE MUTAZIHISHA INYUMA Y'«IMBAGA» NYAMWINSHI!

Ibinyamakuru byaradutse. Wagira ngo byategereje inkotanyi ngo bivuke! Ariko ubwo mwabitwise igihe kingana iki ra? Utu tunyamakuru twose tw'«indahekana» turagendana n'inkotanyi? cyagwa turazigenda inyuma? cyangwa imbere? Kandi wasoma amazina yatwo, wakwibereza (self service) ibyanditsemo byose, ibyinshi bikakugwa nabi ukagira iseseme, ukagugara umujinya mu nda! Navugamo bimwe, Naba n'IKINDI!

Hera kuri KANGUKA, yateye ubw'ibandi KAZAGWA. Biyanze mu nda ibonye ko izavumburwamo ubukotanyi, iti mbaye «EJO NZAMERA NTE?». MFIZI ati simbikwemerere. Iyo atahaba, ba «Ejo nzamera nte» bose baba babarizwa Rwene! Bukeye ngo ni KANGUKA! Twe twagize ngo ni ugukangurira abantu cyane cyane urubyiruko inzira y'amajyambere, yo kwishakira imibereho n'imirimo mishya, naho ni «Mass Mobilisation»! Irakotana KANGUKA, irakotana.... tureba! NGEZE abonye amaze gukanguka bihagije, ati: «jye narakangutse reka nkangure abakigona»! KANGURA ngo baa! Turayoberwa, ariko turishima, n'umujinya rugeretse. NGEZE we, twaje gutegereza amasezerano amwe ya NGEZE Umuhanuzi turaheba. Jye ndacyashimira KANGURA ariko. Uti kuki? Ibarwa ya KIGELI nanjye yangezeho (nyiguze ariko itanyoherejwe). Nari ntarumva imvugo, nako inyandiko y'umwami. Iyo mbona n'umukono we na sinye ye, ngo ndebe uko abami bandika. Ngo ndebe uko inyuguti zabo zireshya!!!

Ba patro ba KANGUKA na KANGURA baje gufungwa, ariko ibyo bari bakoze ntibajyanye nabyo mu munyururu. Barabidusigiye mu mayira, mu masalon, mu biro no mu biroli!!! Nkotanyi NGEZE, uburyo wakotanye ukabufungirwa byarambabaje. Ibyakurikiyeho umurabyo uratinda! Aho wari wibereye uti: «Ntakibivuga»! Gusa mu kuva mu buroko, iyo ubisikana (remise et reprise) n'uwari wagufunze n'uwagufungishije. Nuko none ibyitso byarakwihaye ngo uri inkotanyi, ngo ukorera nde? Ngo upfana iki n'ubutegetsi? Ahaa!!! Amayeri ni menshi koko! None se udafite icyo apfana n'ubutegetsi ntiyamenyekanye? Ni ufite icyo bapfa. Ni nde? Arazwi.

KA02 1307

Ibi ni nka bya bindi twabonanaga abantu bamwe mu kwezi kwa cumi 1990 rwambikanye. Mu gihe twumvaga ku ma Radiyo y'amahanga ibinyoma n'ibisebyo byisukiranya, Radiyo Rwanda nayo iti: «inyenzi zateye ari nyinshi mu Mutara»... Ukabona bamwe ibinezaneza birabasabye. Barifuza ibiruseho... Niho nemeye ukuri kwa wa mugani ngo: «Akuzuye umutima gasesekara ku munwa koko». Burya twarababonaga ntimukibeshye. Uretse ko mwashoboraga gutekereza kurushaho ko «quand la balle siffle, il n'y a pas de choisi». KANGURA komeza ahubwo uminuze, utwereke ibyitso bya kaminuza. Nabyo wibitinya, n'iyo byaba ari byene wanyu. Kuko iyi ntambara irimo urujijo rwinshi.

ISIBO yo rero ngo ni intebo! Yarasisibiranye ishaka gusiba ibimenyetso by'umwanzi nyawe, uhanganye n'abanyarwanda ubu. Ni umwe = inkotanyi n'ibyitso byazo n'abazishyigikiye. Icyakora rata mwene wacu ISIBO, niba waranashakaga kumenyekanisha ikibazo kiriho Nduga-Nkiga, ubu si igihe cyacyo. Reka dutsinde uriya muhanya w'umwanzi, inyenzi-nkotanyi n'ibimuranga byose. Nitubona birangiye neza, (neza tumuranduranye n'umuzi), Abanyenduga muzabaze Abakiga muti bite byanyu? (Mu mashyaka menshi!! Cyangwa se ubu mwakuzuriye ku mwanzi?

Wowe rero UMURANGA, le Publicitaire! Wananiwe kuranga ibintu n'abantu, ngo urange ibyitso n'inkotanyi, utangira ubwawe bukotanyi? Nibura iyo uturangira ibimenyetso nyabyo twagiye duhura nabyo mu bihe byahise, byarangaga iyi ntambara? (signes précurseurs ou prodromes) Ba ugabanyije, rorera kubitindaho. Ranga! Ranga inzira n'insinzi y'inyenzi yunganira «Mobil ou Baygon». Icyakora ukomeze ukangure Nyogokuru M.D.R. ndetse abaduke vuba! Hari benshi bakereye kumuha umuti wo kwiyuburura. Ariko se yitegure umutwe «Muvoma nshya». Tinya umutwe wabaye **rukumbi,** ukatubumba twese abanyarwanda, ugaha bamwe kurengwa bati turashaka indi mitwe. Nyogokuru se azikurira he Animasiyo ko nayo yadufashije inyenzi n'ibyitso! Iyo bakubisemo «Nta mpongano y'umwanzi», cyangwa se «Twasezereye ingoma ya cyami», radiyo nyinshi ziraceceka, intege za bamwe zigacika. Naherutse ibitekerezo bigufi twari dutangiye kubyiyama, ariko bisigaye mu binyamakuru bimwe n'abanyamakuru babyo.

Reka nawe ra! Ngo KANGUKA! KANGURA! na KANGURWA!!! Hasigaye KANGUKIRWA na KANGURIRWA n'ibindi..... Yo ntacyo nyivuzeho, cyacyo iragaragaza. Ariko ishakashatse irindi zina, bityo ntibikomeze gusobeka inyuguti (imigambi buriya), byarushaho kutunogera. Ikinyamakuru nshaka kugeraho giteye agahinda kikivuka (kivukanye uburema), ni ikije gihinda mu «IMBAGA» nyamwinshi ngo kibyawe n'igitekerezo cy'Abahinzi-borozi.

NKULIYINGOMA SERUVUMBA

Bite byanyu! Murigaragaje! Mwivuyemo! Ikinyamakuru mwandikamo mwise: «IMBAGA» gitangiye kwigaragaza. Ubwo se «IMBAGA» nyamwinshi niyo yakwemerera wowe NKURIYINGOMA gutiza umwanzi umurindi, usebya NGIRIRA? Ko washatse kutwereka ko nta bwenge agira, ko Kaminuza yize ntacyo yamumariye, kuki wowe utamurushije ubwenge (ubushishozi butari ubushizi bw'isoni), ngo ubitugaragarize? Ntiwabuze byose wamurushije amayeri yo kwihisha! Ariko, Jenerali harya ngo yarayuze ngo: «nibabareke mwandike»! Mwandike ibyo muzi n'ibyo mutazi, ngo babareke gusa? Mwe mwumvise ko inzangano buri wese afitanye n'abantu mubonye aho muzajya muzirangiriza? Tugahindukira tukazigura ra!

Wowe NKURIYINGOMA, wowe SERUVUMBA, muribwira ko mwaminuje mu «mayere». SERUVUMBA ngo yazengurutse Kibuye ajijisha, yerekana impapuro zitari zo ku ma bariyeri, ngo ntihagira ugira icyo abona. Icyakora iyo niyo nkuru ahubwo! Ubwo waratataga rero urangije ufata indege ujya gutumika! Koloneli nyirumutekano urabe maso n'amatwi! Mbese ni kuki mutatwandikira nko ku mayere n'ubugome bwa zimwe mu nkotanyi cyangwa se ngo mudutangarize zimwe mu nyandiko zabo ubu zicicikana mu gihugu, ahubwo muhitamo kuzihererekanya nk'uko bisanzwe iteka!

Kuki mutatugezaho ibyo inyenzi zirimo zicicikanamo iyo mumahanga, kandi ko mubizi! Kuki mutatugezaho se uko zamwaye, n'ukuntu ziriho zikomeza kumwara! Kuki mutafata nk'ikitso kimwe ngo mutumenyere kandi mubitugezeho, ukuntu cyabigenzaga gitegura iyi ntambara mu bufatanye n'inyenzi zo mu mahanga? Nka MUNYAMBARAGA: byaba ngombwa mukatubaza.

Kuki mutiha uwo mwete wo kuduha ukuri, (par exemple) ku byo bamwe bise «impuha» abandi twise ukuri? Urugero: ngo mutwandikire niba koko RWIGEMA yarajyaga aza ino, abamwakiraga aho yararaga, n'ibindi.... Niba koko yari muri course cycliste iheruse, niba koko ngo bari kuroga amazi abatabizi bagapfa, ababizi biteganyirije amagunguru y'amazi, niba koko ngo inkotanyi ziteganya kwica icyitwa umuhutu wese, abantu bakazajya babazanya uko icyo kiremwa cyitwa «umuhutu» cyasaga ....

Ni kuki mutatwibwirira, ngo mutwibwirire koko? Ni kuki iriya IMBAGA itihutiye nibura kujijura «imbaga» nyamwinshi mu bya politiki bibategereje, ngo ibacengezemo neza amatwara ya demokarasi, ejo bataza babyinagira hejuru batazi ibyo barimo! Muri make, jye ndashaka ibitekerezo by'Abdalahamani, Birindabagabo, Abaramye, n'abandi nk'abo. Nibyo bifitiye imbaga nyamwinshi akamaro, naho mwe mube muhigamye! Iyo se niyo «Journal du Monde rural» Perezida wa Repubulika yifuje? Ese mwayeguriye TWIBUMBE BAHINZI, ubundi bakabaha amabwiriza?

NIYOKINDI Agnès
C/O MIJEUMA

KA02 1308

KA021308

Bavure : BICAMUMPAKA DEMENT KANGURA !

DEMENTI DE MONSIEUR BICAMUMPAKA JEAN BOSCO DATE DU 22/3/1991.

De Kabuye, Monsieur BICAMUMPAKA Jean Bosco exprime à notre rédaction son grand étonnement et sa vive indignation sur notre article de KANGURA N° 12, « MINIMART, REDEMI, SOGEM, COPIMAR et ALICOM.

1. **Le Directeur de la REDEMI ne présente aucun élément qui infirme les faits....**

Monsieur BICAMUMPAKA a démenti, plutôt a protesté en nous accusant « de manque d'objectivité et de démagogie brute » sans présenter aucun élément qui infirme les faits que nous avons étalé en 9 points la dernière fois. Sur ce, BICAMUMPAKA Jean Bosco, Directeur de la REDEMI a trouvé suffisant de nous répondre en quatres points et émettre en un paragraphe son avis sur le dossier ALICOM.

Les 4 points de protestation n'exposent aucun argument juridique, administratif ou logique qui justifie sa « position objective et jutifiée » pouvant permettre même à notre agresseur le FPR « de marquer les points » !!!

2. **Où est le sérieux ?**

Quant à l'avenant signé entre REDEMI et SOGEM le 27/11/1990, que nous avions qualifié de guêts-apeus de la SOGEM, le Directeur de la REDEMI croit que c'est une invention de KANGURA. Pourtant, ayant suspendu lui-même en Août 1990, ses livraisons de cassitérite à SOGEM parce que cette société exportait notre cassitérite (et non de la Redemi) à un vil prix, BICAMUMPAKA a donné ce marché au meilleur offrant SASSOON. SOGEM voyant qu'il y avait un concurent, offrit des conditions équivalentes à celles de SASSOON et non les meilleures.

BICAMUMPAKA nous écrit :

La Régie avait conclu un meilleur contrat avec un nouveau client. SASSOON. Ce voyant. la SOGEM a réagi en envoyant à la REDEMI en date du 20/11/1990 une lettre contenant des conditios équivalentes à celles du contrat de SASSOON. Une copie a été réservée au Ministre auquel j'ai expliqué le contexte avant de répondre à SOGEM que sa proposition constituait une bonne base de négociation.

L'avenant a été signé le 27/11/1990 et dans ma lettre n° 901/1.0/RED.90 du 28/11/1990 je l'ai transmis au Ministre qui n'a exprimé aucune objection à ce propos. L'avenant n'a donc pas été conclu à l'insu du Ministre.

Monsieur BICAMUMPAKA fils de Balthazar !!! Où est le serieux dans tout ça ? Si commerçant SOGEM offre de conditions équivalentes que ceux de son concurrent SASSOON, SOGEM doit absolument obtenir la faveur de faire rompre des contrats avec d'autres clients alors qu'il n'offre pas de meilleures conditions ?

Evoluons et notons du reste que la rupture (que nous supposons, puisque votre démenti n'en dit rien) avec SASSOON sur proposition de SOGEM ne constituait « qu'une bonne base de négociation », avez-vous expliqué au Ministre. Le Ministre qui n'a pas saisi l'astice de votre démarche certainement entreprise entre le 20/11/1990, date de la nouvelle soumission de SOGEM et le 27/11/1990 date de conclusion du nouveau contract avec SOGEM ne savait pas que vous alliez réussir à monter cette opération en une semaine pour lui en référer le lendemain de la signature de l'avenant, le 28/11/1990.

